



Nshuti bakunzi,

Uku kwezi nari ndiho ntekereza kuri kamere n' imirimo itangaje by' Imana. Muri Zaburi ya 9 tuhasoma amagambo avuga ku byerekeye Imana yacu nk' Umucamanza w' Umwiringirwa. Muri Zaburi Dawidi ahimbaza Imana mu kumumenyesha ugukiranuka kwayo mu gihe icira imanza amahanga yakoze ibibi. Hanyuma iyo asenga kugira ngo yongera kwibuka imbabazi z' Imana, Dawidi agira ubutwari ku birebana n' ibihano by' Imana ku nkozi z' ibibi n' umudendezo ku barengana n' ababazwa.

Dawidi yinginga Imana ngo ize vuba kugira ngo igaragaze imbaraga zayo Zera n' ubutware ku mahanga yakoze ibibi. Hanyuma akomeza gusenga Imana ko Imana izibuka ibyago bye n' imibababro ye no kumuha izindi mpamvu nyinshi zimutera guhimbaza Imana.

¹ Ndashimisha Uwiteka umutima wanjye wose; ndatekerereza abantu imirimo yawe yose itangaza. ² Ndakunezererwa ndakwishimira: Usumba byose, ndarilimba ishimwe ry' izina ryawe.

³ Kuko abanzi banjye basubira inyuma; bagasitazwa, bakarimburwa no mu maso hawe. ⁴ Kuko wanshiriye urubanza rukwiriye rutunganye. Wicaye ku ntebe uca imanza zitabera. ⁵ Wakangaye abanyamahanga, warimbuye abanyabyaha, wasibanganije amazina yabo iteka ryose.

¹³ Uwiteka umbabarire; Reba umubabaro mbabazwa n' abanyanga. Ni wowe unzamura ukankura mu marembo y' urupfu. ¹⁴ Kugira ngo nerekanire ishimwe ryawe ryose; Mu marembo y' umukobwa w' I Sioni. Kandi nzishimira agakiza kawe. (Zaburi 9:1-5; 13-14).

Ndetse no hagati y' amahanga n' abantu babi, Dawidi aributsa ko:

- 1) Imana ni igihome (ahantu harinzwe) ku barengana.**
- 2) Ntiyirengagiza abamushaka.**
- 3) Ntiyibagirwa amarira y' abarengana.**

⁹ Kandi Uwiteka azabera abahatwa igihome kirerkire kibakingira, Igihome kirerkire kibakingira mu gihe cy' amakuba. ¹⁰ abazi izina ryawe bazakwiringira; Kuko wowe, Uwiteka utareka abagushaka. ¹¹ Muririmbire Uwiteka, utuye i Sioni, mumuvugirize impundu; Mwamamaze mu mahanga imirimo yakoze. ¹² Kuko uhorera amaraso abibuka. Atibagirwa gutaka kw' abanyamubabaro.

Natwe abamwizera, tumuzi dushyire ukwizera kwacu muri we no gushyira amasengesho yacu ku Mwami uyu muni tumenye kandi twizere ko yumva imibabaro yacu ntabwo azirengagiza amarira y' ababazwa. Imana ni umucamanza wacu ukiranuka na Yesu niwe Mwami wacu wenyine. Uyu muni dushobora kugira ukwizera.

Imana aguhe umugisha.

Peggy Banks
Umuyobozi Mukuru wa
Project Hannah

Ubuhamya Buvuye muri Albania

Mu myaka myinshi nta torero twagiraga ku murenge wacu. Mu gihe twumvise inkuru y' ibiganiro byo kuri radio, twarishimye cyane. Ibiganiro byanyu byadufashije gukurira muri Kristo. Ndagira ngo mbashimire kubw' ibiganiro by' Abagore b' Ibyiringiro. Kubera kubitega amatwi, numvise inkuru nyinshi cyane, kandi nize uburyo bwo kuba hafi y' Imana. **Jorgjie.**

Jyewe ndi impumyi kuva navuka, njya ntega amatwi ibiganiro byanyu. Ubusanzwe nkunda cyane kumva ibiganiro by' Abagore b' Ibyiringiro buri wa Gatandatu no ku Cyumweru. Ibi biganiro byanyigishije gukomerera mu Mwami. **Antigoni.**

Jyewe numva ibiganiro byanyu ibihe byinshi. Ubusanzwe ibiganiro by' Abagore b' Ibyiringiro bintera imbaraga cyane. Nahisemo gukurikira Yesu, ndashaka no kumenya uko nshobora gufasha abandi neza birushijeho. Mfite ubuzima buruhije kandi nanyuze mu ngorane zitewe n' ibibazo byo mu rugo. Ariko mu kibazo icyo aricyo cyose nabonye Yesu mu buzima bwanyje. Mu kunyura muri izi ngorane nasobanukiwe ko Imana iduhindura bashya. Umwuka Wera anyibutsa uyu murongo "Ukomere, wanesheje isi". **Jeta.**

Ndashima Imana kubwo ibiganiro by' Abagore b' Ibyiringiro. Nize ibintu byinshi harimo kwirinda ubwanjye no gufasha abana banjye. Umunsi umwe nabumvise muvuga ibirebana n' ibicurane. Ibyavuzwemo byangiriye umumaro cyane. Sinari nzi uko virusi ziva ku mwana umwe zijya ku wundi. Nanditse ibyo bisobanuro, nabyitayeho cyane mu gihe umwana wanjye yari abirwaye. Sinari nzi ko abana bagomba kunywa ibintu by' amazi byinshi mu gihe barwaye. Murakoze kubwa byose. **Lumturi.**

Mu gihe inda zanjye ebyili zavagamo cyari igihe gikomeye kuri jye kwizera ko Imana yashobora kumpa umwana. Umunsi umwe inshuti yanjye intumira kujya mu rusengeru. Nakomeje kujyayo no gusenga Imana. Inkorerera igitangaza gikomeye mu mibereho yanjye. Yampaye umugisha w' abana babili nditegura no kubona uwa gatatu. Ndashima Imana kubwo inyigisho z' Abagore b' Ibyiringiro. Ni ikiganiro kiza cyane, ntikigisha mu ncamake gusa ahubwo kiruhura n' imitima yacu. Imana ibahe imigisha myinshi. **Silvana.**

Nakuriye mu muryango utemera Imana. Nashyingiwe mfite imyaka 17. Twahisemo kujya mu Bugiriki gushaka yo akazi. Dufite abana babili. Hashize igihe, umugabo wanjye yagize impanuka arapfa. Nagarutse muri Albania noneho numva inkuru z' Itorero rya Gikristo. Ntangira kujya muri urwo rusengeru hamwe n' abana banjye babili. Namenye ko Imana ariyo yampaye imbaraga zo kurera abana banjye. Amasengesho numva kuri gahunda y' Amasengesho inyura kuri radiyo hamwe n' ibiganiro by' Abagore b' Ibyiringiro byanteye imbaraga. **Alma.**

Ndashimira ibiganiro byanyu byo kuri radiyo. Ubusanze ibiganiro byanyu bya radiyo mbyumva mu gitondo. Mwantoje gusenga. Nja njya ku rusengeru, none ubu nzi ko Imana yumva amasengesho. Umunsi umwe nari ndiho nsengera nyogokuru. Yari arwaye hanyuma arakira. Abaganga bavugaga ko atagikeneye kubagwa. Narishimye cyane menya ko Imana yashubije amasengesho yanjye. Nasengeye na Data. Yari umusinzi. Ndashima Imana ko yaretse inzoga. Imana ibahe imigisha myinshi. **Stelina, 16.**

Jyewe ndi umugabo ariko nkunda cyane gahunda yanyu y' amasengesho. Inyigisho mwerekana kuri gahunda yanyu ziramfasha cyane. Nize ibintu byinshi birebana n' abagore ku isi yose. Hari igihe numvise ibintu byanduhije kubyizera, ubwo mwavugaga ko hari ababyeyi bagurisha abana babo kugira ngo babone inkwano. Murakoze kubw' ubwo ubumenyi mwaduhaye. **Safokli.**